

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

N° 94/03 ryo ku wa 20/06/2018

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco.....4

N° 94/03 of 20/06/2018

Prime Minister's Order determining the supervising authority of the National Rehabilitation Service.....4

N° 94/03 du 20/06/2018

Arrêté du Premier Ministre déterminant l'organe de tutelle du Service National de Réhabilitation.....4

B. Iteka rya Minisitiri / Ministerial Order / Arrêté Ministériel

N°01/MIDIMAR/18 ryo ku wa 21/06/2018

Iteka rya Minisitiri ryerekeye abafatanyabikorwa n'abakorerabushake mu butabazi mu gihe cy'ibiza.....8

N°01/MIDIMAR/18 of 21/06/2018

Ministerial Order relating to assisting actors and volunteers in case of disaster response.....8

N°01/MIDIMAR/18 du 21/06/2018

Arrêté Ministériel relatif aux acteurs prêtant assistance et aux volontaires intervenant en cas de catastrophe.....8

C. Guhindura amazina / Change of Names / Changement de Noms

Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina :

- RUKERATABARO Jummy Jumaine21
- HITIMANA Epiphane22
- NYIRAHABIMANA Clementine23
- SINE Abigail24
- SHEJA Levy25
- KARUNGI AMINA26
- DUSHIMIMANA Emmanuel27
- MUGABO JEAN Claude28
- NYIRASAFARI Afisa29

Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina :

- YANKURIJE Jacqueline.....30
- MUNANA KABERA Samy30
- MUGABO Najima31
- NGABO Loic31

- BYARUGABA Ronald	32
- RUCAHOBATINYA Antoine	32
- NTAWIZERUWANONE Wenseslas	33
- NZARUBARA Charles	33
- SHEMA Jean Eric	34
- MBARIMOMBAZI	34
- MUNEZERO Espérance	35
- SHYIRAKERA Bonaventure	35
- MUTANGANEMA Jeanne d’Arc	36
- NDAYUMUJINYA Jean Baptiste	36
- HARERIMANA Jean	37
- NDORIHIRWE.....	37
- BARIKUNDA.....	38
- RUGAMBA Evariste	38
- NYIRAMUGWERA.....	39
- VUGUZIGA Cyriaque	39
- KWIZERA Evode	39
- MWONGEREZA.....	40
- GASHIRABAKE Aloys	40
- MPUMUJE MBARUSHIMANA Romalice	40
- BIRUSHYABAGABO Robert	41
- MUKAKINANI Marie	41

D. Imiryango / Organizations / Organisations

- LIFTING PEOPLE IN POVERTY INITIATIVE.....	42
- DIOCESE CATHOLIQUE DE CYANGUGU.....	44
- RELIGIEUSES BENEDICTINES DU RWANDA-BUTARE	45
- THE SHAMMAH MINISTRIES.....	47

E. Amakoprerative / Cooperatives / Coopératives

- TWUMVIKANE.....	49
- KIMURI.....	50
- INYONGERAMUSARURO.....	51
- KOOKI- ABASANIMANA	52
- ABADAKONJA.....	53
- KOIMIRU.....	54
- JYAMBERE KARAMA	55
- CEAIAD.....	56
- UMURIMO RWAMAGANA	57
- KOAIRU-GANZA.....	58
- COTAVEBUGI.....	59
- EAGC.....	60

- ICYEREKEZO GISHYA	61
- KTMUYU.....	62
- H.D.T.C	63
- DUHURIZEHAMWE IMBARAGA	64
- URUMURI NTUNGAMO	65
- GCSP.....	66
- ISHYAKA MULINDI MULTI SERVICE	67
- ABITEJE IMBERE TRANSPORT	68
- KOTURYA.....	69
- PUC.....	70
- C E C	71
- COCOBEGI.....	72
- THE SISTERS	73
- IMBONEZAMURYANGO.....	74
- CO-ATRAKA	75
- NMD	76

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°94/03 RYO KU WA 20/06/2018 RIGENA
URWEGO RUREBERERA IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE
IGORORAMUCO

PRIME MINISTER'S ORDER N° 94/03
OF 20/06/2018 DETERMINING THE
SUPERVISING AUTHORITY OF THE
NATIONAL REHABILITATION
SERVICE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°94/03 DU 20/06/2018 DETERMINANT
L'ORGANE DE TUTELLE DU SERVICE
NATIONAL DE REHABILITATION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Urwego rureberera
Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco

Article One: Supervising authority of the
National Rehabilitation Service

Article premier: Organe de tutelle du
Service National de Réhabilitation

Ingingo ya 2: Ushinzwe gushyira mu
bikorwa iri teka

Article 2: Authority responsible for the
implementation of this Order

Article 2: Autorité chargée de l'exécution du
présent arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'Ingingo
zinyuranyije n'iri teka

Article 3: Repealing provision

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°94/03 RYO KU WA 20/06/2018 RIGENA
URWEGO RUREBERERA IKIGO
CY'IGIHUGU GISHINZWE
IGORORAMUCO**

**PRIME MINISTER'S ORDER N° 94/03
OF 20/06/2018 DETERMINING THE
SUPERVISING AUTHORITY OF THE
NATIONAL REHABILITATION
SERVICE**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°
94/03 DU 20/06/2018 DETERMINANT
L'ORGANE DE TUTELLE DU SERVICE
NATIONAL DE REHABILITATION**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika yu Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;

Pursuant to Law n°17/2017 of 28/04/2017 establishing the National Rehabilitation Service and determining its mission, organisation and functioning, especially in Article 8;

Vu la Loi n°17/2017 du 28/04/2017 portant création du Service National de Réhabilitation et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement, spécialement en son article 8;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

On proposal by the Minister of Local Government;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale;

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 08/11/2017, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/11/2017;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/11/2017;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS :

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco

Urwego rureberera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco ni Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

Ingingo ya 2: Ushinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article One: Supervising authority of the National Rehabilitation Service

The supervising authority of the National Rehabilitation Service is the Ministry of Local Government.

Article 2: Authority responsible for the implementation of this Order

The Minister of Local Government is entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Article 4: Commencement

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article premier: Organe de tutelle du Service National de Réhabilitation

L'organe de tutelle du Service National de Réhabilitation est le Ministère de l'Administration Locale.

Article 2: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre de l'Administration Locale est chargé de l'exécution du présent arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette no 26 bis of 25/06/2018

Kigali, ku wa 20/06/2018

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

KABONEKA Francis
Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on 20/06/2018

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

(sé)

KABONEKA Francis
Minister of Local Government

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 20/06/2018

(sé)

Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

(sé)

KABONEKA Francis
Ministre de l'Administration Locale

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITRI	MINISTERIAL	ORDER	ARRETE	MINISTERIEL
N°01/MIDIMAR/18 RYO KU WA	N°01/MIDIMAR/18 OF	21/06/2018	N°01/MIDIMAR/18 DU	21/06/2018
21/06/2018 RYEREKEYE	RELATING TO ASSISTING ACTORS		RELATIF AUX ACTEURS PRETANT	
ABAFATANYABIKORWA	AND VOLUNTEERS IN CASE OF		ASSISTANCE ET AUX VOLONTAIRES	
N'ABAKORERABUSHAKE MU	DISASTER RESPONSE		INTERVENANT EN CAS DE	
BUTABAZI MU GIHE CY'IBIZA			CATASTROPHE	

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

UMUTWE WA II:
ABAKORERABUSHAKE MU GIHE
CY'IBIZA

CHAPTER II: VOLUNTEERS IN CASE
OF DISASTERS

CHAPITRE II: VOLONTAIRES EN CAS
DES CATASTROPHES

Iciviro cya mbere: Gushaka
abakorerabushake

Section One: Mobilisation of volunteers

Section première: Mobilisation des
volontaires

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka
abakorerabushake

Article 3: Mobilisation of volunteers

Article 3: Mobilisation des volontaires

Ingingo ya 4: Kwitabaza
abakorerabushake mu gihe cy'ibiza

Article 4: Call for volunteers in case of
disasters

Article 4: Appel aux volontaires en cas de
catastrophes

<u>Ingingo ya 5:</u> Ibishingirwaho mu guhitamo abakorerabushake		<u>Article 5:</u> Criteria of selection of volunteers	<u>Article 5:</u> Critères de sélection des volontaires
<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano z'umukorerabushake		<u>Article 6:</u> Duties of a volunteer	<u>Article 6:</u> Attributions d'un volontaire
<u>Ingingo ya 7:</u> Imirimo n'abakorerabushake mu ikorwa mu gihe cy'ubutabazi		<u>Article 7:</u> Assignments of volunteers in case of response	<u>Article 7:</u> Tâches des volontaires en cas d'intervention
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imikorere y'abakorerabushake		<u>Section 2:</u> Functioning of volunteers	<u>Section 2:</u> Fonctionnement des volontaires
<u>Ingingo ya 8:</u> Igihe ubukorerabushake butangirira n'igihe burangirira		<u>Article 8:</u> Commencement and end of volunteership	<u>Article 8:</u> Début et fin du volontariat
<u>Ingingo ya 9:</u> Amahugurwa y'abakorerabushake		<u>Article 9:</u> Training of volunteers	<u>Article 9:</u> Formation des volontaires
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibikoresho by'abakorerabushake		<u>Article 10:</u> Volunteers equipment	<u>Article 10:</u> Equipements des volontaires
<u>Ingingo ya 11:</u> Aho abakorerabushake bakorera		<u>Article 11:</u> Deployment of volunteers	<u>Article 11:</u> Déploiement des volontaires
<u>Ingingo ya 12:</u> Amabwiriza y'igikorwa cy'ubutabazi		<u>Article 12:</u> Response action instructions	<u>Article 12:</u> Instructions d'intervention
<u>Ingingo ya 13:</u> Ubufasha buhabwa abakorerabushake		<u>Article 13:</u> Facilitation granted to volunteers	<u>Article 13:</u> Facilitation accordées aux volontaires

UMUTWE WA III: UBWOROHEREZWE BW'ABAFATANYABIKORWA MU GIHE CY'IBIZA	CHAPTER III: FACILITATION OF ASSISTING ACTORS IN CASE OF DISASTER	CHAPITRE III: FACILITES DES ACTEURS PRETANT ASSISTANCE EN CAS DE CATASTROPHE
<u>Ingingo ya 14:</u> Ibisabwa abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi basaba ubworohezwe	<u>Article 14:</u> Requirements for assisting actors who seek facilitation	<u>Article 14:</u> Conditions d'éligibilité des acteurs prêtant assistance qui demandent des facilités
<u>Ingingo ya 15:</u> Inyandiko ziherekeza ibaruwa isaba ubworohezwe	<u>Article 15:</u> Documents accompanying the letter of application for facilitation	<u>Article 15:</u> Documents accompagnant la lettre de demande de facilités
<u>Ingingo ya 16:</u> Uburyo korohereza bikorwamo	<u>Article 16:</u> Modalities of granting facilitation	<u>Article 16:</u> Modalités d'accorder des facilités
<u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 17:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 17:</u> Repealing provision	<u>Article 17:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 18:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 18:</u> Commencement	<u>Article 18:</u> Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITRI N°01/MIDIMAR/18 RYO KU WA 21/06/2018 RYEREKEYE ABAFATANYABIKORWA N'ABAKORERABUSHAKE MU BUTABAZI MU GIHE CY'IBIZA	MINISTERIAL N°01/MIDIMAR/18 OF 21/06/2018 RELATING TO ASSISTING ACTORS AND VOLUNTEERS IN CASE OF DISASTER RESPONSE	ORDER ARRETE MINISTERIEL N°01/MIDIMAR/18 DU 21/06/2018 RELATIF AUX ACTEURS PRETANT ASSISTANCE ET AUX VOLONTAIRES INTERVENANT EN CAS DE CATASTROPHE
---	---	---

Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza n'Impunzi;	The Minister of Disaster Management and Refugees;	Le Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés;
---	--	--

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;
--	--	--

Ashingiye ku Itegeko n° 41/2015 ryo ku wa 29/08/2015 rigena imicungire y'ibiza, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15 n'iya 25;	Pursuant to Law n° 41/2015 of 29/08/2015 relating to disaster management, especially in Articles 15 and 25;	Vu la Loi n° 41/2015 du 29/08/2015 relative à la gestion des catastrophes, spécialement en ses articles 15 et 25;
---	---	---

Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 11/04/2018, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/04/2018;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/04/2018;
---	--	--

ATEGETSE:

ORDERS:

ARRETE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Iri teka rigena ibi bikurikira:

This Order determines the following:

Le présent arrêté détermine ce qui suit:

- 1 ° uko abakorerabushake bashakwa n'imikorere yabo;
- 2 ° ibisabwa abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi mu gihe cy'ibiza basaba ubworoherezwe.

- 1 ° modalities to mobilise volunteers and their functioning;
- 2 ° requirements for disaster assisting actors who seek facilitation in case of disaster.

- 1 ° les modalités de mobilisation des volontaires et leur fonctionnement;
- 2 ° les conditions d'éligibilité pour les acteurs prêtant assistance en cas de catastrophe qui demandent des facilités.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions

Article 2: Définitions

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Order, the following terms have the following meanings:

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

- 1 ° **Minisitiri:** Minisitiri ufite imicungire y'ibiza mu nshingano ze;
- 2 ° **Minisiteri:** Minisiteri ifite imicungire y'ibiza mu nshingano zayo;
- 3 ° **umukorerabushake:** umuntu utanga serivisi, ubushobozi n'ubumenyi mu nyungu z'abandi ku bushake bwe kandi nta nyungu, yaba iy'amafaranga cyangwa indi ndonke agamije.

- 1 ° **Minister:** Minister in charge of disaster management;
- 2 ° **Ministry:** Ministry in charge of disaster management;
- 3 ° **volunteer:** a natural person who provides services, skills and knowledge for the benefit of other people on voluntary basis and without financial or any other personal gain.

- 1 ° **Ministre:** Ministre ayant la gestion des catastrophes dans ses attributions;
- 2 ° **Ministère:** Ministère ayant la gestion des catastrophes dans ses attributions;
- 3 ° **volontaire:** une personne physique qui fournit volontairement des services, des compétences et des connaissances pour le bénéfice des autres personnes et sans intérêt financier ou tout autre avantage personnel.

UMUTWE WA II: ABAKORERABUSHAKE MU GIHE CY'IBIZA

CHAPTER II: VOLUNTEERS IN CASE OF DISASTERS

CHAPITRE II: VOLONTAIRES EN CAS DES CATASTROPHES

Icyiciro cya mbere: Gushaka abakorerabushake

Section One: Mobilisation of volunteers

Section première: Mobilisation des volontaires

Ingingo ya 3: Uburyo bwo gushaka abakorerabushake

Article 3: Mobilisation of volunteers

Article 3: Mobilisation des volontaires

Minisiteri ifatanya n'Uturere n'Ihuriro Ngishwanama ku Micungire y'Ibiza ku rwego rw'Igihugu gushaka abantu bakora nk'abakorerabushake mu gihe cy'ubutabazi iyo habaye ibiza.

The Ministry cooperates with Districts and the National Platform for Disaster Management to mobilise people working as volunteers in case of disaster response.

Le Ministère coopère avec les Districts et la Plateforme Nationale de Gestion des Catastrophes pour mobiliser les personnes qui travaillent comme volontaires intervenant en cas de catastrophe.

Ingingo ya 4: Kwitabaza abakorerabushake mu gihe cy'ibiza

Article 4: Call for volunteers in case of disasters

Article 4: Appel aux volontaires en cas de catastrophes

Minisiteri, ishingiyeye ku bikenewe mu gihe cy'ibiza, ihamagarira abakorerabushake kugira uruhare mu butabazi.

The Ministry basing on the needs during disasters, calls volunteers to intervene in the response.

Le Ministère, sur base des besoins au moment des catastrophes, appelle les volontaires à intervenir.

Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu guhitamo abakorerabushake

Article 5: Criteria of selection of volunteers

Article 5: Critères de sélection des volontaires

Kugira ngo yemererwe kuba umukorerabushake, umuntu agomba:

To be selected as a volunteer, a person must:

Pour qu'une personne soit sélectionnée comme volontaire, elle doit:

1 ° kuba afite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

1 ° be at least eighteen (18) years of age;

1 ° avoir au moins dix-huit (18) ans;

2 ° kuba afite indangamuntu cyangwa ikindi cyangombwa kiyisimbura;

3 ° kuba afite ubuzima buzira umuze;

4 ° kuba yemera gukora nta gihembo.

2 ° have an identity card or any other document to replace it;

3 ° be physically fit;

4 ° accept to work without remuneration.

2 ° avoir une carte d'identité ou un autre document qui la remplace;

3 ° être en bonne santé;

4 ° accepter de travailler sans rémunération.

Ingingo ya 6:
z'umukorerabushake

Inshingano

Umukorerabushake afite inshingano zikurikira:

1 ° gutabara abahuye n'ibiza;

2 ° kunganira Guverinoma mu bikorwa bisanzweho byo gufasha abatwaga kwitegura ibiza, kugabanya ubukana bwabyo, gutabara no gusubiza mu buryo ibyangiritse mu gihe cy'ibiza;

3 ° gufatanya n'abandi bafatanyabikorwa bahuriye ku gikorwa cyo gutabara abahuye n'ibiza;

4 ° kwirinda gukoresha nabi ibintu bihari byagenewe gufasha abahuye n'ibiza;

Article 6: Duties of a volunteer

A volunteer has the following duties:

1 ° assist victims of disasters;

2 ° support existing Government efforts to help communities to prepare for disasters, mitigate gravity of disasters, respond and recover from disasters;

3 ° cooperate with other stakeholders intervening in case of disaster response;

4 ° avoid misuse of available resources earmarked for the assistance of a disaster-stricken people;

Article 6: Attributions d'un volontaire

Un volontaire a les attributions suivantes:

1 ° assister les victimes des catastrophes;

2 ° soutenir les efforts déjà mis en place par le Gouvernement pour aider les communautés à se préparer, à atténuer la gravité des catastrophes, à intervenir et à redresser les choses en cas des catastrophes;

3 ° coopérer avec d'autres partenaires qui interviennent en cas des catastrophes;

4 ° éviter l'usage abusif des ressources disponibles destinées à l'assistance des personnes touchées par des catastrophes;

Official Gazette no 26 bis of 25/06/2018

5 ° kubahiriza y'abamukuriye;	amabwiriza	5 ° subordination;	5 ° la subordination;
6 ° kuzirikana abafite intege nke;		6 ° consideration of vulnerable people;	6 ° prise en compte des personnes vulnérables;
7 ° kutabogama;		7 ° impartiality;	7 ° l'impartialité;
8 ° gufatanya n'abandi.		8 ° teamwork.	8 ° le travail d'équipe.

Ingingo ya 7: Imirimo ikorwa mu gihe n'abakorerabushake cy'ubutabazi

Article 7: Assignments of volunteers in case of response

Article 7: Tâches des volontaires en cas d'intervention

Mu gihe cy'ubutabazi, abakorerabushake bakora imirimo ikurikira:

In case of response, volunteers carry out the following assignments:

En cas d'intervention, les volontaires effectuent les tâches suivantes:

1 ° gukusanya amakuru;		1 ° to gather information;	1 ° collecter des informations;
2 ° guhungisha abantu mu gihe cy'ibiza;		2 ° to evacuate people in case of disaster;	2 ° évacuer des personnes en cas des catastrophes;
3 ° gusesengura ibikenewe mu gihe cy'ibiza;		3 ° to assess the needs in case of disaster;	3 ° évaluer les besoins en cas des catastrophes;
4 ° gutanga ibikenewe n'abahuye n'ibiza;		4 ° to provide victims with material support;	4 ° fournir un soutien matériel aux victimes;
5 ° kuvura abahuye n'ibiza,		5 ° to provide victims with medical care;	5 ° fournir des soins médicaux aux victimes;

6 ° gufasha abahungabanyijwe n'ibiza;

6 ° to provide victims with psycho-social support;

6 ° fournir un soutien psycho-social aux victimes

7 ° gusesengura ibikenewe mu gusana no gusubiza mu buryo ibyangijwe n'ibiza.

7 ° to assess needs for recovery and rehabilitation.

7 ° évaluer les besoins nécessaires au redressement et à la réhabilitation.

Icyiciro cya 2: Imikorere y'abakorerabushake

Section 2: Functioning of volunteers

Section 2: Fonctionnement des volontaires

Ingingo ya 8: Igihe ubukorerabushake butangirira n'igihe burangirira

Article 8: Commencement and end of volunteership

Article 8: Début et fin du volontariat

Ubukorerabushake butangira igihe cy'ubutabazi, bukarangira gusana ibyangijwe n'ibiza birangiye.

The volunteership begins with disaster response and ends at the end of rehabilitation.

Le volontariat commence avec l'intervention en cas de catastrophes et se termine à la fin de la réhabilitation.

Ubukorerabushake buhagarara kandi mu gihe cyose butagikenewe.

Volunteership also ends when it is no longer needed.

Le volontariat prend également fin lorsqu'il n'est plus nécessaire.

Ingingo ya 9: Amahugurwa y'abakorerabushake

Article 9: Training of volunteers

Article 9: Formation des volontaires

Minisiteri n'Uturere ku bufatanye n'Ihuriro Ngishwanama ku Micungire y'Ibiza ku rwego rw'Igihugu bategurira abakorerabushake amahugurwa abafasha kuzuza inshingano zabo.

The Ministry and Districts, in collaboration with the National Platform for Disaster Management, provide trainings to volunteers to enable them to carry out their duties.

Le Ministère et les Districts, en collaboration avec la Plateforme Nationale de Gestion des Catastrophes, donnent des formations aux volontaires pour leur permettre d'accomplir leurs attributions.

Ingingo ya 10: Ibikoresho by'abakorerabushake

Minisiteri n'Uturere, ku bufatanye n'Ihuriro Ngishwanama ku Micungire y'Ibiza ku rwego rw'Igihugu, baha abakorerabushake ibikoresho bya ngombwa bibafasha kuzuza inshingano zabo.

Ingingo ya 11: Aho abakorerabushake bakorera

Abakorerabushake bakorera ku rwego rw'Akagari, Umurenge, Akarere no ku rwego rw'Igihugu.

Kuri buri rwego, abakorerabushake bitoramo Perezida, Visi Perezida n'Umwanditsi.

Minisiteri n'Uturere bafatanye n'Ihuriro Ngishwanama ku Micungire y'Ibiza ku rwego rw'Igihugu gushyiraho amatsinda y'abakorerabushake ku rwego rw'Akagari, Umurenge, Akarere no ku rwego rw'Igihugu.

Ingingo ya 12: Amabwiriza y'igikorwa cy'ubutabazi

Mbere yo gutangira igikorwa cy'ubutabazi, buri mukorerabushake ahabwa amabwiriza

Article 10: Volunteers equipment

The Ministry and Districts in collaboration with the National Platform for Disaster Management provide volunteers with the necessary equipment to enable them execute their duties.

Article 11: Deployment of volunteers

Volunteers operate at Cell, Sector, District and at national levels.

At each level, volunteers elect among themselves a Chairperson, a Vice-Chairperson and a Secretary.

The Ministry and Districts in collaboration, with the National Platform for Disaster Management, establish the volunteer clubs at Cell, Sector, District and at national levels.

Article 12: Response action instructions

Before commencement of response action, every volunteer is given rules of conduct and modalities for their implementation.

Article 10: Equipements des volontaires

Le Ministère et les Districts en collaboration avec la Plateforme Nationale de Gestion des Catastrophes fournissent des équipements nécessaires aux volontaires pour leur permettre d'exécuter leurs attributions.

Article 11: Déploiement des volontaires

Les volontaires opèrent au niveau de la Cellule, Secteur, District et au niveau national.

Les volontaires élisent parmi eux, à chaque niveau, un Président, un Vice-Président et un Secrétaire.

Le Ministère et les Districts, en collaboration avec la Plateforme Nationale de Gestion des Catastrophes, établissent les clubs des volontaires au niveau de la Cellule, du Secteur, du District et au niveau national.

Article 12: Instructions d'intervention

Avant le commencement de toute intervention, chaque volontaire reçoit des règles de conduite et les modalités de leur mise en œuvre.

ngenderwaho, akanasobanurirwa uburyo bwo kuyashyira mu bikorwa.

Ingingo ya 13: Ubufasha buhabwa abakorerabushake

Minisiteri yorohereza abakorerabushake mu bijyanye n'ingendo, amafunguro n'icumbi.

Article 13: Facilitation granted to volunteers

The Ministry facilitates volunteers in transport, meals and accommodation.

Article 13: Facilitation accordées aux volontaires

Le Ministère facilite les volontaires en ce qui concerne le transport, le repas et l'hébergement.

UMUTWE WA III: UBWOROHerezwe BW'ABAFATANYABIKORWA MU GIHE CY'IBIZA

CHAPTER III: FACILITATION OF ASSISTING ACTORS IN CASE OF DISASTER

CHAPITRE III: FACILITES DES ACTEURS PRETANT ASSISTANCE EN CAS DE CATASTROPHE

Ingingo ya 14: Ibisabwa abafatanyabikorwa mu by'ubutabazi basaba ubworoherezwe

Umufatanyabikorwa mu by'ubutabazi usaba ubworoherezwe agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1 ° ubumenyi buhagije bumufasha gushyira mu bikorwa inshingano ze neza, bugaragazwa n'impamyabumenyi ijyanye n'ibyo yize n'uburambe afite mu gufasha abahuye n'ibiza;

Article 14: Requirements for assisting actors who seek facilitation

An assisting actor who seeks facilitation must fulfill the following requirements:

1 ° sufficient knowledge that helps him or her in execution of his or her duties effectively, determined by a degree relating to his or her qualification and an experience in assisting victims of disasters;

Article 14: Conditions d'éligibilité des acteurs prêtant assistance qui demandent des facilités

Un acteur prêtant assistance qui demande des facilités doit remplir les conditions suivantes:

1 ° des connaissances suffisantes qui l'aident à s'acquitter efficacement de ses attributions et qui sont déterminées par un diplôme relatif à sa qualification et une expérience en matière d'assistance aux victimes des catastrophes;

2° ingengo y'imari ihagije y'ibikorwa ateganya gukora n'ibikoresho bikenewe kandi bihagije azifashisha mu gihe cy'ubutabazi.

2° sufficient budget for planned activities and necessary and sufficient equipment to be used during the period of assistance.

2° un budget suffisant pour les activités planifiées et des équipements nécessaires et suffisants à utiliser pendant la période d'assistance.

Ingingo ya 15: Inyandiko ziherekeza ibaruwa isaba ubworoherezwe

Article 15: Documents accompanying the letter of application for facilitation

Article 15: Documents accompagnant la lettre de demande de facilités

Ibaruwa isaba ubworoherezwe igomba kuba iherekejwe n'inyandiko zikurikira:

The letter of application for facilitation must be accompanied by the following documents:

La lettre de demande des facilités doit être accompagnée des documents suivants:

1° kopi y'indangamuntu;

1° a copy of identity card;

1° une copie de la carte d'identité;

2° inyandiko igaragaza ko usaba akora ibikorwa by'ubutabazi.

2° a document indicating that the applicant carries out activities related to rescue.

2° un document attestant que le demandeur exerce des activités de secours.

Ingingo ya 16: Uburyo korohereza bikorwamo

Article 16: Modalities of granting facilitation

Article 16: Modalités d'accorder des facilités

Iyo Minisitiri amaze gusuzuma ubusabe bw'ubworoherezwe agasanga uwasabye yujuje ibisabwa, asaba mu nyandiko ubuyobozi bubifitiye ububasha kwemerera uwasabye guhabwa ubworoherezwe.

If the Minister analyses the application requesting for facilitation and finds it compliant with requirements, he or she requests in writing the competent authority to grant the requested facilitation.

Si le Ministre analyse le dossier demandant des facilités et le juge conforme aux exigences, il demande par écrit à l'autorité compétente d'accorder au demandeur les facilités sollicitées.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 17: Repealing provision

Article 17: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 18: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 18: Commencement

Article 18: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa **21/06/2018**

Kigali, on **21/06/2018**

Kigali, le **21/06/2018**

(sé)

DE BONHEUR Jeanne d'Arc
Minisitiri w'Imicungire y'Ibiza n'Impunzi

(sé)

DE BONHEUR Jeanne d'Arc
Minister of Disaster Management and Refugees

(sé)

DE BONHEUR Jeanne d'Arc
Ministre de la Gestion des Catastrophes et des Réfugiés

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)

BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya RUKERATABARO Jummy Jumaine yakiriwe ku wa 19/04/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Bwana RUKERATABARO Jummy Jumaine, utuye mu Mudugudu wa Gasave, Akagari ka Musezero, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali, abarizwa kuri telefoni 0788534926; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **RUKERATABARO Jummy.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/06/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya HITIMANA Epiphane yakiriwe ku wa 21/12/2017 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu HITIMANA Epiphane, utuye mu Mudugudu wa Rebero, Akagari ka Kanyefurwe, Umurenge wa Nyakiriba, Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba, ubarizwa kuri telefoni 0788697027/0782474320; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **HITIMANA NYIRAMAHAHANE Epiphane.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/05/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya NYIRAHABIMANA Clementine yakiriwe ku wa 02/04/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu NYIRAHABIMANA Clementine, utuye mu Mudugudu w'Abarezi, Akagari ka Rubirizi, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali, ubarizwa kuri telefoni 0783382787; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **KAYITESI Clementine.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 05/06/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya SINE Abigail yakiriwe ku wa 04/01/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamazela SINE Abigail, utuye 11 Natal Road, Belgravia; P.O. Box 4228 Harare mu gihugu cya Zimbabwe, uboneka kuri telephone z'ababyeyi be, +263 777 984 176/ + 263 784 596 010;

Mu Rwanda abarizwa mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Gatare, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **RUNIGA SINE Abigail.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 18/05/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya SHEJA Levy yakiriwe ku wa 04/01/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Bwana SHEJA Levy utuye 11 Natal Road, Belgravia; P.O. Box 4228 Harare mu gihugu cya Zimbabwe, uboneka kuri telefone z'ababyeyi be, +263 777 984 176/ + 263 784 596 010;

Mu Rwanda abarizwa mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Gatare, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **RUNIGA SHEJA Levy.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 18/05/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya KARUNGI AMINA yakiriwe ku wa 13/11/2017 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamazela KARUNGI AMINA, utuye mu Mudugudu w'Agashyitsi Munanira, Akagari ka Rukiri II, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **KARUNGI AMINA Pearl.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/04/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya DUSHIMIMANA Emmanuel yakiriwe ku wa 03/02/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Bwana DUSHIMIMANA Emmanuel utuye mu Mudugudu w'Umuco, Akagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali ubarizwa kuri telephone 0786114993; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **MUGISHA Emmanuel.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/05/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsu bw'Igihugu

CERTIFICATE FOR CHANGE OF NAME

The Minister of Local Government;

Pursuant to Law n° 32/2016 of 28/08/2016 governing persons and family, especially in article 42;

Pursuant to Ministerial Order n° 001/07.01 of 17/01/2017 establishing modalities and procedures for change of name;

Reference is made to the letter from MUGABO JEAN Claude that was received on 30/05/2018 requesting to change his name Jean Claude to MUSIIME Brian as his names;

Decides that:

Mr MUGABO Jean Claude, domiciled at Amahoro Village, Kibaza Cell, Kacyiru Sector, Gasabo District, Kigali City, Tel: 0783466695 allowed to change his usual names,

His usual names MUGABO Jean Claude are replaced by **MUSIIME Brian MUGABO**.

From now he bears the names **MUSIIME Brian MUGABO**.

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/06/2018

(sé)

KABONEKA Francis

The Minister of Local Government

ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Ashingiye ku Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya NYIRASAFARI Afisa yakiriwe ku wa 13/03/2018 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

Yemeje ko:

Madamu NYIRASAFARI Afisa, utuye mu Mudugudu w'Amahoro, Akagari ka Rwezamenyo II, Umurenge wa Rwezamenyo, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali, ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe: **UWERA Esther.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 22/06/2018

(sé)

KABONEKA Francis

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA YANKURIJE Jacqueline RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, YANKURIJE Jacqueline, mwene NDINDA Mathias na NYIRAMABOYI Marthe utuye mu Mudugudu wa Kanyane, Akagari ka Munanira II, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura amazina asanganywe YANKURIJE Jacqueline akayasimbuza **MUTONI Jacky Brendah** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina YANKURIJE ababyeyi be barimwise bagenura kuko bagiye bapfusha abana bose bavutse mbere ye bityo rikaba rimutera ipfunwe ndetse rikanamubuza n'amahoro kuko aba yumva atariburamuke.

Izina Jacqueline naryo yifuza ko risimbuzwa izina Jacky kubera ko kuva yatangira kwiga yize mu cyongereza abanyeshuri bagenzi be ndetse n'abayobozi b'ibigo yizemo bakajya bamwita Jacky, akaba kandi asanga izina Jacqueline ryiyongereye ku yandi akaba atatu ari maremare ku buryo hari ibyangombwa ayandikaho ntakwirweho;

Izina Brendah akaba arishaka kuko yaryiswe na nyina wabo basaga ariko agapfa akiri uruhinja. Iri zina iwabo bakaba barakomeje kurimwita.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza amazina YANKURIJE Jacqueline amazina **MUTONI Jacky Brendah** bityo akitwa **MUTONI Jacky Brendah** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUNANA KABERA Samy RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, MUNANA KABERA Samy mwene BUGINGO Joseph na KANKWANZI Celine utuye mu gihugu cy'Ububiligi;

Yasabye uburenganzira bwo kuvana izina MUNANA no kongera ingombajwi "m" mu izina Samy mu mazina asanganywe MUNANA KABERA Samy akitwa **KABERA Sammy** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina MUNANA yarikuye mu mazina ye kugira ngo abone uko ashakisha ubuzima mu gihugu cy'Ububiligi.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina MUNANA no kongera ingombajwi "m" mu izina Samy mu mazina asanganywe MUNANA KABERA Samy bityo akitwa **KABERA Sammy** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko y'Ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUGABO Najima RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, MUGABO Najima mwene HABAKUBAHO Issa na MUKAKIMENYI Zainabu utuye mu Mudugudu w'Amakawa, Akagari ka Kabuye, Umurenge wa Jabana, akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Najima, izina **Nadjib** mu mazina asanganywe MUGABO Najima akitwa **MUGABO Nadjib** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Najima rimutera ipfunwe muri bagenzi be kubera ko ari izina ry'abakobwa.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Najima, izina **Nadjib** mu mazina asanganywe MUGABO Najima akitwa **MUGABO Nadjib** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NGABO Loic RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, NGABO Loic mwene MUDAHEMUKA KAREKEZI Modeste na UMUHOZA Chantal utuye mu Mudugudu wa Gikarani, Akagari ka Nengo, Umurenge wa Gisenyi, akarere ka Rubavu, mu Ntara y'iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **MUDAHEMUKA** mu mazina asanganywe NGABO Loic akitwa **MUDAHEMUKA NGABO Loic** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina MUDAHEMUKA ari izina rya se ashaka kwitwa ndetse akaba yaranaryigiyeho.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **MUDAHEMUKA** mu mazina asanganywe NGABO Loic bityo akitwa **MUDAHEMUKA NGABO Loic** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BYARUGABA Ronald RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, **BYARUGABA Ronald** mwene BYARUGABA Ismael na Bamurange Marie Gorette utuye mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe, akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Ronald izina **Sadiq** mu mazina asanganywe BYARUGABA Ronald akitwa **BYARUGABA Sadiq** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Ronald yaryiswe akiri umukirisitu none yagiye muri Islam akaba ashaka gufata izina rya Kiislam akitwa Sadiq.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Ronald izina **Sadiq** mu mazina asanganywe BYARUGABA Ronald akitwa **BYARUGABA Sadiq** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RUCAHOBATINYA Antoine RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa, **RUCAHOBATINYA Antoine** mwene RUCAHOBATINYA Izayasi na NIYITEGEKA Alphonsine utuye mu gihugu cy'Ubwongereza, London, 81 Worton Green, Croyon ukoresha telephone no +4476664731 ukomoka mu Mudugudu wa Gashubi, Akagari ka Gatoki, Umurenge wa Save, akarere ka Gisagara, mu Ntara y'Amajyepfo;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina RUCAHOBATINYA izina **MUGABO** mu mazina asanganywe RUCAHOBATINYA Antoine akitwa **MUGABO Antoine** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko yahungiyeye mu Gihugu cy'Ubwongereza, biba ngombwa ko ahindura izina RUCAHOBATINYA arisimbuza izina **MUGABO** bityo yitwa **MUGABO Antoine**.

Indi mpamvu ni uko yigiye mu Gihugu cy'Ubwongereza ahabwa Impamyabumenyi ya Kaminuza ku mazina **MUGABO Antoine**, abona ubwenegihugu kuri aya mazina, abana be bose bakaba bitwa MUGABO nk'izina ry'umuryango we ndetse n'ibindi byangombwa afite muri icuogihugu bikaba byanditse kuri aya mazina;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina RUCAHOBATINYA izina **MUGABO** mu mazina asanganywe RUCAHOBATINYA Antoine bityo akitwa **MUGABO Antoine** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTAWIZERUWANONE Wenseslas
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, NTAWIZERUWANONE Wenseslas mwene NGENDAHIMANA Faustin na BENINKA Emerthe utuye mu Mudugudu wa Remera, Akagari ka Gitumba, Umurenge wa Buyoga, Akarere ka Rulindo mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina NTAWIZERUWANONE izina **KWIZERA** mu mazina asanganywe NTAWIZERUWANONE Wenseslas akitwa **KWIZERA Wenseslas**;

Impamvu atanga ni uko izina NTAWIZERUWANONE rimutera ipfunwe muri bagenzi be.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NTAWIZERUWANONE, izina **KWIZERA** mu mazina asanganywe NTAWIZERUWANONE Wenseslas bityo akitwa **KWIZERA Wenceslas** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NZARUBARA Charles
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, **NZARUBARA Charles** mwene NGENDAMBIZI na NYIRANTABIRE utuye mu Mudugudu wa Karisimbi, Akagari ka Kibagabaga, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Muji wa Kigali, uboneka kuri telefoni igendanwa, 0788520156/0786609287/0722474574;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina NZARUBARA, mu mazina asanganywe NZARUBARA Charles akitwa **MUKUNZI Charles** mu irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NZARUBARA ari irigenurano rikaba rimutesha agaciro mu bandi.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina NZARUBARA, mu mazina asanganywe NZARUBARA Charles akitwa **MUKUNZI Charles** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SHEMA Jean Eric RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, SHEMA Jean Eric mwene NDABIKUNZE Jean Bosco na UMWIZA Alice utuye mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Nyakabanda, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Jean Eric izina **Jean Luc**, mu mazina asanganywe SHEMA Jean Eric akitwa **SHEMA Jean Luc** mu irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina Jean Luc yaribatijwe mu Idini ry'Abanyagaturika.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Jean Eric izina **Jean Luc**, mu mazina asanganywe SHEMA Jean Eric bityo akitwa **SHEMA Jean Luc** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MBARIMOMBAZI RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, MBARIMOMBAZI mwene NSEKEYABANZI na BAYIHORERE Dative utuye mu Mudugudu wa Rwesinge, Akagari ka Kiremera, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kirehe, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MBARIMOMBAZI izina **HAKIZIMANA** no kongera izina **Marcel** ku izina asanganywe MBARIMOMBAZI akitwa **HAKIZIMANA Marcel**;

Impamvu atanga ni uko amazina MBARIMOMBAZI rimutera ipfunwe muri bagenzi be naho izina Marcel akaba yararibatijwe mu Itorerero ry'Abapentekote.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MBARIMOMBAZI izina **HAKIZIMANA** no kongera izina **Marcel** ku izina asanganywe MBARIMOMBAZI bityo akitwa **HAKIZIMANA Marcel** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUNEZERO Espérance RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, MUNEZERO Espérance mwene SEBINEZA Philemon na ZANINKA Esther utuye mu Mudugudu w'Inyange, Akagari ka Bibare, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Daniella** mu mazina asanganywe MUNEZERO Espérance akitwa **MUNEZERO Espérance Daniella**;

Impamvu atanga ni uko izina Daniella yaribatijwe mu Itorero rya Zion Temple;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Daniella** mu mazina asanganywe MUNEZERO Espérance bityo akitwa **MUNEZERO Espérance Daniella** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SHYIRAKERA Bonaventure RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, SHYIRAKERA Bonaventure mwene NYEMAZI Antoine na MUKANZIGIYE Xavera utuye mu Mudugudu wa Rwimiyaga, Akagari ka Gasagara, Umurenge wa Gikomero, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina SHYIRAKERA izina **RUYUMBU**, izina Bonaventure akarisimbuza izina **Antonyson** no kongera izina **NYEMAZI**, mu mazina asanganywe SHYIRAKERA Bonaventure akitwa **RUYUMBU Antonyson NYEMAZI**;

Impamvu atanga ni uko amazina SHYIRAKERA rimutera ipfunwe muri bagenzi be, izina **Antonyson** akaba yararibatijwe mu Itorero ry'Abapentekote, naho izina NYEMAZI rikaba ari izina rya se;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina SHYIRAKERA izina **RUYUMBU**, izina Bonaventure akarisimbuza izina **Antonyson** no kongera izina **NYEMAZI**, mu mazina asanganywe SHYIRAKERA Bonaventure bityo akitwa **RUYUMBU Antonyson NYEMAZI** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUTANGANEMA Jeanne D'Arc
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, MUTANGANEMA Jeanne D'Arc mwene NZARAMBA Eustache na MUKAKABEGO Donatille utuye mu Mudugudu w'Amahoro, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MUTANGANEMA izina rya se **NZARAMBA** no gukura izina d'Arc mu mazina asanganywe MUTANGANEMA Jeanne d'Arc akitwa **NZARAMBA Jeanne** mu irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko amazina NZARAMBA Jeanne ariyo akoresha mu gihugu cy'Ububiligi, igihugu anafitiye ubwenegihugu.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUTANGANEMA izina rya se **NZARAMBA** no gukura izina d'Arc mu mazina asanganywe MUTANGANEMA Jeanne d'Arc akitwa **NZARAMBA Jeanne** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo Inyandiko ye y'Ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDAYUMUJINYA Jean Baptiste
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa, NDAYUMUJINYA Jean Baptiste mwene Nkwakuzi leopold na Nyiramugwera M. Garthe utuye mu Mudugudu wa Nyenyeri, Akagari ka Kakizi, Umurenge wa Nyamugari, Akarere ka Kirehe, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo guhindurirwa izina NDAYUMUJINYA, akarisimbuza izina **NDAYISABA** mazina asanganywe NDAYUMUJINYA Jean Baptiste maze akitwa **NDAYISABA Jean Baptiste** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina NDAYUMUJINYA rimutera ipfunwe muri bagenzi be;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina NDAYUMUJINYA, izina **NDAYISABA** mazina asanganywe NDAYUMUJINYA Jean Baptiste, akitwa **NDAYISABA Jean Baptiste** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA HARERIMANA Jean RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa HARERIMANA Jean mwene NGARAMBE MPUNGA na KIMIMIRI Felicite utuye mu Mudugudu wa Bwiza, Akagari ka Cyimo, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicikuro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina HARERIMANA izina **NGARAMBE**, mu mazina asanganywe HARERIMANA Jean akitwa **NGARAMBE Jean**;

Impamvu atanga ni uko amazina HARERIMANA ari izina ry'irigenurano rikaba rimutera ipfunwe;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina HARERIMANA izina **NGARAMBE**, mu mazina asanganywe HARERIMANA Jean akitwa **NGARAMBE Jean** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDORHIRWE RUSABA
GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa NDORHIRWE, mwene NDIRURWANGO na MUKAMURASIRA utuye mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Karambo, Umurenge wa Karambo, Akarere ka Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina Schadrack ku izina asanganywe NDORHIRWE maze akitwa **NDORHIRWE Schadrack**;

Impamvu atanga ni uko yabatijwe izina Schadrack;

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongererwa izina Schadrack ku izina asanganywe NDORHIRWE maze akitwa **NDORHIRWE Schadrack** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BARIKUNDA RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa BARIKUNDA, mwene MUGABO na UWANZWENUWE utuye mu Mudugudu wa Rugeshi, Akagari ka Kidomo, Umurenge wa Kamubuga, Akarere ka Gakenke, mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina BARIKUNDA izina **BAHORE** no kongerwa izina Wellars akitwa **BAHORE Wellars**;

Impamvu atanga ni uko izina BARIKUNDA rimutera ipfunwe muri bagenzi be. Ikindi ni uko izina Wellars yaribatijwe mu Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina BARIKUNDA izina **BAHORE** no kongerwa izina Wellars akitwa **BAHORE Wellars** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RUGAMBA Evariste RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa RUGAMBA Evariste, mwene RUTAYISIRE Joseph na MUKAMUDENGE Annonciata utuye mu Mudugudu w'Ubumenyi, Akagari ka Bwerankori, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Ayman** mu mazina asanganywe RUGAMBA Evariste akitwa **RUGAMBA Ayman Evariste**;

Impamvu atanga ni uko izina **Ayman** yarihawe nk'izina ry'idina ubwo yinjiraga mu idini ya Isilamu.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Ayman** mu mazina asanganywe RUGAMBA Evariste bityo akitwa **RUGAMBA Ayman Evariste** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NYIRAMUGWERA RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa NYIRAMUGWERA, mwene RWEREKA na NYIRARWANGANO utuye mu Mudugudu wa Kazi, Akagari ka Bisoke, Umurenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze, mu Ntara y'Amajyaruguru;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Gaudence** mu mazina asanganywe NYIRAMUGWERA akitwa **NYIRAMUGWERA Gaudence**;

Impamvu atanga ni uko izina Gaudence yaribatijwe mu itorero ry'Abanyagaturika.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Gaudence** mu mazina asanganywe NYIRAMUGWERA bityo akitwa **NYIRAMUGWERA Gaudence** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA VUGUZIGA Cyriaque RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa VUGUZIGA Cyriaque, mwene MUTSINZI Edmond na MUKAKAYONDE Anne Marie utuye mu Mudugudu wa Nyagasambu, Akagari ka Rubona, Umurenge wa Kiziguro, Akarere ka Gatsibo, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Cyriaque, izina Sylvie no kongera izina ATETE mu mazina asanganywe VUGUZIGA Cyriaque akitwa **ATETE VUGUZIGA Sylvie**;

Impamvu atanga ni uko amazina VUGUZIGA Cyriaque ari amazina y'abagabo kandi we ari umukobwa bityo akamutera ipfunwe.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Cyriaque, izina Sylvie no kongera izina **ATETE** mu mazina asanganywe VUGUZIGA Cyriaque bityo akitwa **ATETE VUGUZIGA Sylvie** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA KWIZERA Evode RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa KWIZERA Evode, mwene NSENGIYUMVA Nathanaël na NYIRAKABANO Geneviève utuye mu Mudugudu wa Kivugiza, Akagari ka Kibogora, Umurenge wa Kanjongo, Akarere ka Nyamasheke, mu Ntara y'Iburengerazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Evode, izina **Nathanaël** mu mazina asanganywe KWIZERA Evode akitwa **KWIZERA Nathanaël**;

Impamvu atanga ni uko izina Nathanaël yaribatijwe mu Itorero ry'Abangilikani mu Rwanda.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Evode, izina **Nathanaël** mu mazina asanganywe KWIZERA Evode bityo akitwa **KWIZERA Nathanaël** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MWONGEREZA RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa MWONGEREZA, mwene NDAGIJE Stephano na NYIRAMINANI utuye mu Mudugudu w'Isangano, Akagari ka Ngoma, Umurenge wa Kicukiro, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina **Jean Paul**, mu mazina asanganywe MWONGEREZA akitwa **MWONGEREZA Jean Paul** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko aterwa ipfunwe n'uko afite izina rimwe.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina **Jean Paul**, mu mazina asanganywe MWONGEREZA bityo akitwa **MWONGEREZA Jean Paul** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA GASHIRABAKE Aloys RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa GASHIRABAKE Aloys mwene NDIBWAMI Pierre na NYIRANSABIMANA Stephanie, utuye mu Mudugudu w'Ubumanzi, Akagari ka Rujyenge, Umurenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina GASHIRABAKE, izina **INEZA** mu mazina asanganywe GASHIRABAKE Aloys akitwa **INEZA Aloy** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko izina GASHIRABAKE rimutera ipfunwe muri bagenzi be.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina GASHIRABAKE, izina **INEZA** mu mazina asanganywe GASHIRABAKE Aloys bityo akitwa **INEZA Aloys** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MPUMUJE MBARUSHIMANA Romalice RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa MPUMUJE MBARUSHIMANA Romalice mwene MPUMUJE Jean Claude na UWAMARIYA Liberathe utuye mu Mudugudu w'Urukundo, Akagari ka Ngarama, Umurenge wa Ngarama, Akarere ka Gatsibo, mu Ntara y'Iburasirazuba;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MPUMUJE, izina **Claude** mu mazina asanganywe MPUMUJE MBARUSHIMANA Romalice akitwa **MBARUSHIMANA Romalice Claude**;

Impamvu atanga ni uko yabatijwe Romalice Claude akaba abona ayongeye ku yo asanganywe yaba maremare cyane.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MPUMUJE, izina **Claude** mu mazina asanganywe MPUMUJE MBARUSHIMANA Romalice bityo akitwa **MBARUSHIMANA Romalice Claude** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BIRUSHYABAGABO Robert
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **BIRUSHYABAGABO Robert** mwene MYANDAGARA Seleman na MUSABYIMANA Berthilde utuye mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Kanzenze, Umurenge wa Ntarama, Akarere ka Bugesera, mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefoni 0782452592/0722452592;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina BIRUSHYABAGABO, izina **MUGABO** mu mazina asanganywe BIRUSHYABAGABO Robert akitwa **MUGABO Robert** mu Irangamimerere;

Impamvu atanga ni uko yabatijwe BIRUSHYABAGABO, bagenzi be bahora barimuserereza rikamutera ipfunwe.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina BIRUSHYABAGABO, izina **MUGABO** mu mazina asanganywe BIRUSHYABAGABO Robert bityo akitwa **MUGABO Robert** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUKAKINANI Marie
RUSABA GUHINDURA AMAZINA**

Uwitwa **MUKAKINANI Marie** mwene NZABAMWITA Xavier na NYIRABAGWIZA Laurence utuye mu Mudugudu wa Muhambara, Akagari ka Kabagesera, Umurenge wa Runda, Akarere ka Kamonyi, mu Ntara y'Amajyepfo;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina MUKAKINANI, izina **ABATESI** mu mazina asanganywe MUKAKINANI Marie akitwa **ABATESI Marie**;

Impamvu atanga ni uko izina MUKAKINANI rimutera ipfunwe muri bagenzi be.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina MUKAKINANI, izina **ABATESI** mu mazina asanganywe MUKAKINANI Marie bityo akitwa **ABATESI Marie** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURYANGO NYARWANDA UTARI UWA LETA
N° 192/RGB/NGO/LP/01/2018

Dushingiye ku Itegeko n° 04/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 22 na 23;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **LIFTING PEOPLE IN POVERTY INITIATIVE.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 17/01/2018

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi w'Urwego

Rwanda Governance Board	<i>Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere</i> RGB	Office Rwandais de la Gouvernance
--	---	--

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR NATIONAL NON-GOVERNMENTAL ORGANIZATION

Name of Organization: LIFTING PEOPLE IN POVERTY INITIATIVE

Head Quarters/ Address: KIREHE DISTRICT

The Legal Representative: STANLEY MUZUNGU

The Deputy Legal Representative: GAKWAYA JANVIER

Legal Personality n°:192/RGB/NGO/LP/01/2018

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: on: 17/01/2018

Type of Organization: NGO

Mission: TO CARRY OUT RESEARCH STUDIES RELATED TO PEOPLE'S WELL-BEING AND THEIR DEVELOPMENT AMELIORATION IN RWANDA.

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
CEO/RGB

Rwanda Governance Board	<i>Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere</i> RGB	Office Rwandais de la Gouvernance
--	---	--

DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RELIGIOUS BASED ORGANIZATION

Name of Organization: DIOCESE CATHOLIQUE DE CYANGUGU

Head Quarters/ Address: RUSIZI DISTRICT

The Legal Representative: Monseigneur CELESTIN HAKIZIMANA

The Deputy Legal Representative: Monseigneur PRUDENCE RUDASINGWA

Legal Personality n°:684/07

Certificate of Compliance Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD ON :

07/01/2014

Type of Organization: RBO

Mission: EVANGELIZATION AND HUMAN PROMOTION FOR THE PEOPLE ACCORDING TO THE VISION OF THE UNIVERSAL CATHOLIC CHURCH.

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase
CEO/RGB**

Rwanda Governance Board (RGB)
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere
Office Rwandais de la Gouvernance

CERTIFICATE OF COMPLIANCE

*This is to certify that **RELIGIEUSES BENEDICTINES DU RWANDA-BUTARE** is a Religious-Based Organization legally operating in Rwanda granted legal personality n° 86/11 of and has fulfilled all requirements for compliance with the new law number 06/2012 of 17/02/2012 determining organization and the functioning of Religious-Based organizations.*

This certificate is valid until the revised statutes are published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done at Kigali, on 01/08/2013

(sé)
Professor SHYAKA Anastase
Chief Executive Officer

Rwanda Governance Board	<i>Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere</i> RGB	Office Rwandais de la Gouvernance
--	---	--

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RELIGIOUS BASED ORGANIZATION

Name of Organization: RELIGIEUSES BENEDICTINES DU RWANDA-BUTARE

Head Quarters/ Address: HUYE DISTRICT

The Legal Representative: MUKAMANA GENEVIEVE

The First Deputy Legal Representative: UWANYIRIGIRA SOLANGE

The Second Deputy Legal Representative: NIRERE LIBERATHE

Legal Personality n°:86/11

Certificate of Compliance Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD ON :

01/08/2013

Type of Organization: RBO

Mission: PRAY AND WORK (ORA ET LABORA).

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase
CEO/RGB**

ICYEMEZO CY'UBUZIMAGATOZI
BW'UMURYANGO NYARWANDA USHINGIYE KU IDINI
N° 09/RGB/RBO/2016

Dushingiye ku Itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiyeye ku idini, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Tumaze gusuzuma ubusabe bwawo tugasanga wujuje ibisabwa kugira ngo umuryango ushingiyeye ku idini uhabwe ubuzimagatozi;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango *THE SHAMMAH MINISTRIES*.

Bikorewe i Kigali, ku wa 23/09/2016

(sé)
Prof. SHYAKA Anastase
Umuyobozi Mukuru

Rwanda Governance Board	<i>Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere</i> RGB	Office Rwandais de la Gouvernance
--	---	--

Annex: DETAILS OF THE LEGAL PERSONALITY FOR RELIGIOUS BASED ORGANIZATION

Name of Organization: THE SHAMMAH MINISTRIES

Head Quarters/ Address: RUBAVU DISTRICT

The Legal Representative: NSENGAYIRE BAUDOUIN

The Deputy Legal Representative: HAGENIMANA BAUDOUINE

Legal Personality n°:09/RGB/RBO/2016

Issued by: RWANDA GOVERNANCE BOARD

Date of issue: on: 23/09/2016

Type of Organization: RBO

Mission: TO BUILD THE KINGDOM OF GOD AND TO PROMOTE SOCIAL WELFARE OF POPULATION.

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase
CEO/RGB**

**ICYEMEZO N^oRCA/0200/2018 CYO KU WA 02/05/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « TWUMVIKANE»**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « TWUMVIKANE» ifite icyicaro i Gahinga, mu Murenge wa Mururu, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « TWUMVIKANE» ifite icyicaro i Gahinga, mu Murenge wa Mururu, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « TWUMVIKANE» igamije guteza imbere ubwikorezi bw'imizigo hakoreshejwe imodoka nto (pick up) no gutanga serivisi zijyanye no gupakira, gupakurura no kwikorera imizigo. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Icyemezo no /RCA/0910/2009 cyo ku wa 12/06/2009 gikuweho.

Ingingo ya 4:

Koperative « TWUMVIKANE» itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 02/05/2018

(Sé)

NZAKUNDA Joseph

**Umuyobozi w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N^oRCA/0181/2018 CYO KU WA 24/04/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « IMBARAGA Z'UMUHINZI W'IRAMBURA-IMBONERA »
(KIMURI)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KIMURI** » ifite icyicaro i Rugamba, mu Murenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **KIMURI** » ifite icyicaro i Rugamba, mu Murenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **KIMURI** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw'ibirayi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **KIMURI** » itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 24/04/2018

(Sé)

NZAKUNDA Joseph

**Umuyobozi w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N^oRCA/520/2010 CYO KU WA 12/07/2010 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « INYONGERAMUSARURO »**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **INYONGERAMUSARURO** » ifite icyicaro i Mukoto, Umurenge wa Mushoki, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru, mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 05 Werurwe 2010;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **INYONGERAMUSARURO** » ifite icyicaro i Mukoto, Umurenge wa Mushoki, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **INYONGERAMUSARURO** » igamije guteza imbere ubuhinzi bwa kawa no kongera umusaruro wayo mu bwinshi no mu bwiza. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Iki Cyemezo kigira agaciro guhera umunsi cyatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 12/07/2010

(Sé)

MUGABO Damien

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N^oRCA/0178/2018 CYO KU WA 23/04/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « ORORA KUJYAMBERE - ABASANIMANA »
(KOOKI- ABASANIMANA)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOOKI- ABASANIMANA** » ifite icyicaro i Gisizi, Umurenge wa Mulinga, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **KOOKI- ABASANIMANA** » ifite icyicaro i Gisizi, Umurenge wa Mulinga, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **KOOKI- ABASANIMANA** » igamije guteza imbere ubworozi bw'inka. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi ihereye ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **KOOKI- ABASANIMANA** » itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 23/04/2018

(Sé)

NZAKUNDA Joseph

**Umuyobozi w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N^oRCA/0180/2018 CYO KU WA 23/04/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI
KOPERATIVE « ABADAKONJA »**

Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **ABADAKONJA**» ifite icyicaro i Mutaho, Umurenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu, Intara y’Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **ABADAKONJA**» ifite icyicaro i Mutaho, Umurenge wa Rambura, Akarere ka Nyabihu, Intara y’Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **ABADAKONJA**» igamije guteza imbere ubworozi bw’inka. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **ABADAKONJA**» itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 23/04/2018

(Sé)

NZAKUNDA Joseph

**Umuyobozi w’Agateganyo w’Ikigo cy’Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

ICYEMEZO N^oRCA/0236/2018 CYO KU WA 19/05/2018 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « IGIRE WUNGUKE MUHINZI W'IMBUTO RUSIZI » (KOIMIRU)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n^o 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n^o 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOIMIRU** » ifite icyicaro i Gakoni, Umurenge wa Muganza, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **KOIMIRU** » ifite icyicaro i Gakoni, Umurenge wa Muganza, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **KOIMIRU** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw'imbutu (imyembe, amacunga, avoka,...). Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **KOIMIRU** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 19/05/2018

(Sé)

NZAKUNDA Joseph

**Umuyobozi w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu
gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

